**REPUBULIKA Y'U RWANDA**
**MINISITERI Y'URUBYIRUKO, SIPORO,**
**UMUCO NO KWIGISHA IMYUGA ICIRIRITSE**
**B.P. 1044 KIGALI**
**TEL : 8 35 25**
**FAX : (250) 8 5562.**

Kigali, ku wa

N°........./.........

Nyakubahwa Minisitiri w'Intebe
**KIGALI.**

Byemejwe na Minisitiri w'Ububanyi
n'Amahanga n'Ubutwererane
**KIGALI.**

IMPAMVU : Gusabira intumwa z'u Rwanda uruhushya rwo kujya mu Nama Mpuzamahanga izabera STOCKHOLM (Suède, 30/3-2/4/1998).

Nyakubahwa Minisitiri w'Intebe,

Mbandikiye iyi baruwa nsabira uruhushya abakozi ba Minisiteri y'Urubyiruko, Siporo, Umuco no Kwigisha Imyuga Iciriritse bazajya mu **Nama Mpuzamahanga izabera i STOCKHOLM muri SUEDE kuva tariki ya 30 Werurwe kugeza tariki ya 2 Mata 1998**. Umugabane w'Afurika waraye uteguriye i Lomé muri Togo umusanzu w'ibitekerezo uzajyana muri iriya nama. Hari kuva itariki 10 kugeza itariki 13/2/1998.

Iyo nama yatumijwe n'Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye ryita k'Uburezi, Ubuhanga n'Umuco (UNESCO) ifite intego ebyiri z'ingenzi :

- Gushyira politiki ndangamuco mu nzego zose zigamije amajyambere y'ikiremwamuntu.

- Gushimangira uruhare rw'Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye ryita k'Uburezi, Ubuhanga n'Umuco (UNESCO) mu gushyiraho politiki ndangamuco no guteza imbere ubutwererane mpuzamahanga.

Nkuko twabimenyesheje Umuyobozi Mukuru w'Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye ryita k'Uburezi, Ubuhanga n'Umuco mw'ibaruwa yo ku wa 4/11/1997 n° 1251/21.00, u Rwanda ruzahagararirwa na :

- Dogiteri Yakobo BIHOZAGARA, Minisitiri w'Urubyiruko, Siporo, Umuco no Kwigisha Imyuga Iciriritse, Umuyobozi w'intumwa.

- Bwana Yohani MUKIMBIRI , Umuyobozi w'Umuco n'Ubugeni muri Minisiteri y'Urubyiruko, Siporo, Umuco no Kwigisha Imyuga Iciriritse. Uyu akubutse i Lomé muri Togo, mu Nama Nyafurika yateguraga iy'i STOCKHOLM. Tuzajya rero i Stockholm turi kumwe n'uwabikurikiraniye hafi.

- Bwana Fideli RUTAGWENDEKA, Umukozi mw'Ishami ry'Iterambere ry'Ubugeni, Inyandiko n'Uburenganzira bw'Umuhanzi muri Minisiteri y'Urubyiruko, Siporo, Umuco no Kwigisha Imyuga Iciriritse. Uyu niwe wanditse

Raporo y'Icyumweru cy'Umuco (1-8/9/1997) cyari cyahariwe gutekereza ku nsanganyamatsiko izagira icy'ivugwaho i STOCKHOLM.

Impamvu intumwa ari eshatu nuko amatsinda aziga ku nsanganyamatsiko ari nibura atatu, kandi dukwiye guhagararirwa ah'ingenzi hose.

Kubera ikirangaminsi cy'inama n'icy'indege, izo ntumwa zizava i Kigali, itariki 28 Werurwe zigaruke itariki 4 Mata 1998.

Amafaranga y'urugendo n'ayo gutunga izo ntumwa muri ubwo butumwa azava ku ngengo y'imari 1998 yo muri Minisiteri y'Urubyiruko, Siporo, Umuco no Kwigisha Imyuga Iciriritse.

Turasanga u Rwanda rutasiba iyo nama kuko hazavugwa ku bintu byerekeye amajyambere ashingiye k'umuco, bimaze imyaka irenga icumi byigwa n'abahanga kabuhariwe. Hari na **<< Plan d'Action sur les Politiques Culturelles pour le Développement/Action Plan on Cultural Policies for Development >>** igomba kwemezwa imaze gusuzumwa n'Abaminisitiri b'Umuco bo kw'Isi yose.

Ku mugereka w'iyi baruwa, mbohereje inyandiko-nyibutsa ijyanye n'iyo nama, umushinga w'iyo <<Plan d'Action/Action Plan>> n'umushinga w'Ijambo u Rwanda ruzageza kuri iriya Nama. Tunaboneyeho kubasaba inkunga y'ibitekerezo.

Mugire amahoro n'amahirwe.

**Dr. Yakobo BIHOZAGARA,**

Minisitiri w'Urubyiruko, Siporo,
Umuco no Kwigisha Imyuga Iciriritse.

**Bimenyeshejwe** :

- Nyakubahwa Perezida wa Repubulika
  y'u Rwanda
  **KIGALI**.
- Nyakubahwa Visi-Perezida wa Repubulika
  akaba na Minisitiri w'Ingabo
  **KIGALI**.
- Bwana Minisitiri w'Uburezi
  **KIGALI**.
- Bwana Minisitiri w'Itangazamakuru
  **KIGALI**.
- Bwana Ambasaderi w'u Rwanda i BONN
  mu **BUDAGE**

Binyujijwe kuri Bwana Minisitiri w'Ububanyi
n'Amahanga n'Ubutwererane
**KIGALI**.